Umugereka: ubujyanama muli gahunda yo kubana no kumenyerana n' abandi

# Amakuru yerekeranye na gahunda yo kubana n'abandi kuli wowe ugomba kwitabira program ya introduction

### Kuli gahunda y' imibanire

- Wowe na komine utuyemo, mugomba, mubinyujije muli program ya introduction gukorana gahunda y' imibanire. Ukwitabira kwawe muli program ya introduction, kugomba kugufasha kumenya neza urulimi rw' ikinorsk, kwiga ubuzima rusange bw' igihugu, kugera ku ntego ugeraho ndetse no kwinjira mu buzima bw' akazi bwa hano.
  Intego ni ugukora ku buryo bwihuse, umuntu akinjira mu buzima rusange bwa hano, umuntu akanibeshaho.

### Igaragazwa ry' ubumenyi

- Mbere yo kwigira hamwe gahunda yawe, ufite uburenganzira bwo kugaragaza ubumenyi ufite, uvanye aho uturutse. Ibyo mu kubigaragaza, umuntu avuga indimi avuga izarizo, nuko zingana, amashuli umuntu yanyuzemo, akazi umuntu yakoze, ndetse n' ubundi bumenyi ubwo alibwo bwose umuntu yaba afite.

### Inama zerekeranye n'umwuga

- Ufite uburenganzira, kandi utekekwa gukurikirana inama zerekeranye n' umwuga. Muli izi nama zerekeranye n'umwuga, ubona amakuru ndetse ukabwirwa uburyo no gukora gahunda ku byerekeranye no kwiga ndetse n' akazi.

### Ibiri muli gahunda yo kubana n'abandi

- Muli gahunda yawe, ibigomba kuba birimo, ni intego nyamukuru yawe, intego yo kumenya iki norsk, hagomba kandi kuba halimo intego zo kwiga. Ikindi kandi kigomba kuba kirimo, ni igihe ugomba kumara muli programe ndetse n'uburyo bwo kuba wavuga ikitagushimishije mulli programe. Gahunda yawe igomba gushingira mu kugaragraza amashuli yawe, uburambe mu kazi wigeze kugira, ibyo waba warigiye mu kazi wakoraga, ndetse n' ikindi icyaricyo cyose cyaba kiri ingirakamaro.

Programe ya introduction, igomba nibura kuba irimo ibi bikurikira:

a. Ukwiga iki norsk
b. Ukwiga ubumenyi rusange bw' igihugu
c. Isomo ryerekeranye n' ubuzima
d. Ibishingiye ku kazi cyangwa se n'amashuri

Abitabira programe kandi banafite abana bali munsi y'imyaka 18, bagomba gukora inyigisho yerekeranye n'uburyo ababyeyi barera abana.

Programe ya introduction, igomba gukorwa umwaka wose kandi n'iminsi yose.

### Kuzuzwa kw' intego zawe

- Komine igomba gukora byose kugirango intego wihaye uzigereho mu gihe uli kwitabira prgrame ya introduction. Intego zawe kandi zigenderwa cyane hakurikijwe amashuri wanyuzemo mbere.

### Intego z' urulimi rw' ikinorsk

- Uwitabira amasomo y'urulimi rw' ikinorsk, agomba kuyarangiza hali icyo amaze kumenya. Komune ndetse na fylkeskommune bigomba gukora kuburyo abanyeshuri basohoka mu mashuli y'iki norsk, baba hali icyo bazi mu gihe barangije ayo mashuli.

### Isuzumwa n' ikurikiranwa bya gahunda yawe mu kubana n' abandi

- Mu gihe urimo ukurikirana amasomo yawe, komine igoma kujya ikorana ibiganiro nawe rimwe na rimwe, byo kugirango musuzumire hamwe uko gahunda ili kugenda. Mu gihe ubona ko gahunda yawe ulimo ali ibyo kwiga ndetse n' ibyo kubana n' abandi, hali aho bitagenda ugomba kubivuga kugirango hagire igihinduka. Ibi ugomba kubibwira umujyanama wawe.

### Hali ikirego ushaka gutanga kuli gahunda yawe mu byo kubana n' abandi?

- Ushobora gutanga ikirego uramutse hali ibyo udashimye ali mu kwiga kwawe, ndetse ali no muli gahunda yawe mu byo kubana n' abandi.

### Mu gihe ushak gutanga ikirego, ugomba:

- Gutanga ikirego mu gihe kitarenze ibyumweru 3 ubonye amabwiriza yerekeranye na gahunda zo kubana n' abandi.
- Gutanga ikirego, ukagitanga muli komine, kikajya kuli abo bafashe amabwiriza uli gutangiraho ikirego.
- Kwandika icyo uli kuregera
- Gusinya ku kirego utanze

Ushobora guha uburenganzira umuntu akaba yatanga ikirego mu mwanya wawe, mu izina ryawe. Kugira ngo umuntu akubera intumwa, uli gutanga ikirego, ugomba kuba ufite aho wanditse ku gipapuro uvuga ko umuhaye uburenganzira bwo kuguhagararira, atanga ikirego cyawe. Iyo ntumwa, igiye kuguhagararira, ugomba kugaragaza ibyo ashobora kuguhagarariramo, n' ibyo adashobora kuguhagarariramo. Iyo ufite umunyamategeko akaba aliwe uguhagarariye, we ntakeneye gusinya.

### Nihe ushobora gukura amakuru yerekeranye na gahunda yo kubana no kumenyera mu bandi?

Amakuru yandi yerekeranye no kubana ndetse no kumenyera mu bandi, ushobora wayabona ku itegeko rya «integreringsloven». Iryo tegeko ushobora kulisanga kuli www.imdi.no no kuli Kompetanse Norge nettsider.

Amahirwe mahire mu mahugurwa !